No. 6 2016

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Icyo twamenya ku biremwa byo mu ijuru

UMUNARA W'UMURINZI
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA
Vol. 137, No. 16 | KINYARWANDA

INTEGO Y'IYI GAZETI y'*Umunara w'Umurinzi,* ni iyo gusingiza Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yatangiye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya kuri www.jw.org/rw.

Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya.*

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi ikurikira:

The Watchtower (ISSN 0043-1087) Issue 16 November 2016 is published monthly with an additional issue published in January, March, May, July, September, and November by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 1000 Red Mills Road, Wallkill, NY 12589-3299, and printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.

Buri nomero isohoka ari amagazeti:
58.987.000 MU NDIMI 282

No. 6 2016

UBITEKEREZAHO IKI?

Umuntu akubajije ati "ijuru ni iki" wamusubiza ngo iki?

Yesu ni we wadufasha kubona igisubizo kuko yagize ati **"jye nkomoka hejuru."** —Yohana 8:23.

Iyi gazeti y'*Umunara w'Umurinzi* iratwereka icyo Yesu na Se baduhishurira ku bijyanye n'ijuru.

Icyo twamenya ku biremwa byo mu ijuru

Ibibazo abantu bibaza ku biremwa byo mu ijuru 3
Ibiremwa byo mu ijuru biteye bite? 4

IBINDI

Amasomo twavana ku nyoni 8

Lefèvre d'Étaples yagejeje Ijambo ry'Imana kuri rubanda 10

Inkuru ivuga ibyabaye mu mibereho
Nkorera Imana ntagira amaboko 13

Bibiliya ibivugaho iki? 16

JW.ORG™ SOMA IBINDI KURI INTERINETI



IBINDI BIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA

Ese Imana yaremye Satani kugira ngo atugerageze?

(Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA > IBIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA)

IBIBAZO ABANTU BIBAZA KU BIREMWA BYO MU IJURU

Ese wigeze wibaza ibirebana n'ibiremwa byo mu ijuru n'aho biba? Niba ari uko bimeze, si wowe wenyine. Hashize imyaka myinshi abantu bajya impaka kuri iyo ngingo. Bamwe bavuga ko ari ho abakurambere bacu baba kandi ko bagomba kwambazwa. Abandi bavuga ko ari ahantu harangwa ibyishimo n'umutuzo, hatuye abamarayika n'abantu bapfuye barakoze ibyiza. Hari n'abavuga ko ari ho imana zibarirwa muri za miriyoni ziba.

Abantu benshi bavuga ko nta wamenya ibibera mu ijuru, kuko nta wigeze ajyayo ngo agaruke abitubwire. Ariko ibyo si byo, kuko Yesu yabaye mu ijuru, aho ibiremwa by'umwuka biba, mbere y'uko aza ku isi. Yabwiye abayobozi b'amadini yo mu kinyejana cya mbere adaciye ku ruhande ati "naje nturutse mu ijuru ntazanywe no gukora ibyo nshaka, ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwantumye ashaka." Ubwo rero igihe Yesu yabwiraga intumwa ze ati "mu nzu ya Data harimo imyanya myinshi," ibyo yavugaga yari abisobanukiwe neza.—Yohana 6:38; 14:2.

Se wa Yesu ni Imana, kandi izina rye bwite ni Yehova. Yehova aba mu ijuru (Zaburi 83:18). Bityo rero, nta muntu wasobanura ibibera mu ijuru kurusha Yehova Imana na Yesu Kristo. Kandi koko, basobanuriye abantu b'indahemuka ibintu bitandukanye bibera mu ijuru, binyuze mu iyerekwa.

Ingingo ikurikira iradusobanurira inkuru zo muri Bibiliya zivuga ibyo abantu bagiye babona mu iyerekwa. Mu gihe uri bube usuzuma ibyo beretswe, uzirikane ko aho ibyo biremwa biba ari ahantu *hatagaragara,* haba ibintu tudashobora kubona cyangwa gukoraho. Nubwo bimeze bityo, Imana yadusobanuriye ibirebana n'ibiremwa byo mu ijuru ikoresheje imvugo dushobora kumva. Ibyo abantu babonye mu iyerekwa biragufasha gusobanukirwa ibibera mu ijuru, ari ho Yesu yavuze ko hari "imyanya myinshi."

IBIREMWA BYO MU IJURU BITEYE BITE?

Bibiliya itubwira ibintu bitangaje abantu beretswe, bidufasha gusa n'abareba ibibera mu ijuru. Turagusaba kubisuzuma witonze. Nubwo ibyo abantu beretswe byose bitafatwa uko byakabaye, kubisuzuma bizatuma dusobanukirwa neza ibirebana n'ibiremwa by'umwuka ndetse n'uruhare bigira mu mibereho yacu.



YEHOVA NI UMUTEGETSI W'IKIRENGA

Bibiliya igira iti **"nuko mbona intebe y'ubwami iri mu mwanya wayo mu ijuru, kandi hari n'uwari wicaye kuri iyo ntebe y'ubwami. Uwo wari uyicayeho yasaga n'ibuye rya yasipi, n'ibuye ry'agaciro ritukura, kandi iyo ntebe y'ubwami yari igoswe n'umukororombya wasaga n'ibuye rya emerode."—Ibyahishuwe 4:2, 3.**

"Yari agoswe n'umucyo mwinshi. Hari ikimeze nk'umuheto uboneka mu gicu ku munsi w'imvura. Uko ni ko umucyo nabonye impande zose wari umeze. Wari umeze nk'ikuzo rya Yehova."—Ezekiyeli 1:27, 28.

Intumwa Yohana n'umuhanuzi Ezekiyeli bifashishije ibintu dushobora kumva kugira ngo badusobanurire ikuzo rya Yehova Imana Ishoborabyose, urugero nk'amabuye y'agaciro abengerana, umukororombya n'intebe y'ubwami ihambaye. Ibyo bavuze bitwereka ko Yehova afite ubwiza buhebuje, ikuzo n'icyubahiro.

Ibyo bintu babonye bihuje n'ibyo umwanditsi wa zaburi yanditse agira ati 'Yehova arakomeye kandi akwiriye gusingizwa cyane. Ateye ubwoba kurusha izindi mana zose. Kuko imana zose z'abanyamahanga ari imana zitagira umumaro; ariko Yehova we yaremye ijuru. Icyubahiro n'ikuzo biri imbere ye; imbaraga n'ubwiza biri mu rusengero rwe.'—Zaburi 96:4-6.

Nubwo Yehova ari Umutegetsi w'Ikirenga, adusaba kumusenga kandi atwizeza ko azatwumva (Zaburi 65:2). Intumwa Yohana yagaragaje ko Imana idukunda kandi ikatwitaho. Yagize ati 'Imana ni urukundo.'—1 Yohana 4:8.

YESU ARI KUMWE N'IMANA

"[Umwigishwa Sitefano], yuzuye umwuka wera, atumbira mu ijuru maze abona ikuzo ry'Imana, na Yesu ahagaze iburyo bw'Imana, aravuga ati 'dore mbonye ijuru rikingutse n'Umwana w'umuntu ahagaze iburyo bw'Imana.' "—Ibyakozwe 7:55, 56.

Ibyo bintu Sitefano yabyeretswe Yesu amaze igihe gito apfuye, yishwe n'abayobozi b'idini ry'Abayahudi ari na bo Sitefano yabwiraga. Iryo yerekwa ryari gihamya y'uko Yesu yazutse kandi akaba yarahawe ikuzo. Intumwa Pawulo yabihami-

je agira ati '[Yehova] yazuye [Yesu] mu bapfuye, amwicaza iburyo bwe ahantu ho mu ijuru, hasumba cyane ubutegetsi bwose n'ubutware bwose n'imbaraga zose n'ubwami bwose n'izina ryose rivugwa, atari muri iyi si ya none gusa, ahubwo no muri ya yindi izaza.'—Abefeso 1:20, 21.

Uretse kuba Ibyanditswe bigaragaza umwanya wo hejuru Yehova na Yesu bafite, binagaragaza ko bita cyane ku bantu. Igihe Yesu yari hano ku isi, yakijije abarwayi n'abamugaye kandi azura abapfuye. Urupfu rwa Yesu rw'igitambo rwagaragaje ko akunda Imana n'abantu (Abefeso 2:4, 5). Ubu Yesu ari iburyo bw'Imana, kandi vuba aha azakoresha ububasha bwe, maze aheshe imigisha abantu bo hirya no hino ku isi bumvira.

ABAMARAYIKA BAKORERA IMANA

Umuhanuzi Daniyeli yaravuze ati **"nuko nkomeza kwitegereza kugeza igihe intebe z'ubwami zishyiriweho, maze Umukuru Nyir'ibihe byose [Yehova] aricara. . . . Ibihumbi incuro ibihumbi baramukoreraga kandi ibihumbi icumi incuro ibihumbi icumi bari bahagaze imbere ye."—Daniyeli 7:9, 10.**

Muri iryo yerekwa, Daniyeli yabonye abamarayika benshi. Ibyo yabonye bigomba kuba byari bishishikaje! Abamarayika ni ibiremwa by'umwuka bifite ikuzo, ubwenge n'imbaraga nyinshi. Muri bo harimo abaserafi n'abakerubi. Bibiliya ivuga iby'abamarayika incuro zirenga 250.

Abamarayika si abantu bahoze batuye ku isi. Imana yabaremye mbere cyane y'uko irema umuntu. Igihe Imana yaremaga isi, abamarayika barabirebaga kandi baranguruye ijwi ry'ibyishimo. —Yobu 38:4-7.

Imwe mu mirimo y'ingenzi ikorerwa ku isi abamarayika b'indahemuka bagiramo uruhare, ni ugutangaza ubutumwa bwiza bw'Ubwami bw'Imana (Matayo 24:14). Uruhare bagira muri uwo murimo rugaragazwa n'ibyo intumwa Yohana yeretswe. Yaravuze ati "nuko mbona undi mumarayika aguruka aringanije ijuru, kandi yari afite ubutumwa bwiza bw'iteka kugira ngo abutangaze bube inkuru ishimishije ku batuye ku isi, n'amahanga yose n'imiryango yose n'indimi

zose n'amoko yose" (Ibyahishuwe 14:6). Nubwo abamarayika batakivugana n'abantu, bayobora ababwiriza ku bantu biteguye kwakira ubutumwa bwiza.

SATANI AYOBYA ABANTU BENSHI

"Mu ijuru habaho intambara: Mikayeli n'abamarayika be barwana na cya kiyoka, cya kiyoka na cyo kibarwanya kiri kumwe n'abamarayika bacyo ariko nticyanesha, kandi umwanya wabo ntiwongera kuboneka ukundi mu ijuru. Icyo kiyoka kinini kijugunywa hasi, ni cyo ya nzoka ya kera yitwa Satani Usebanya, ari na cyo kiyobya isi yose ituwe. Nuko kijugunywa ku isi, abamarayika bacyo na bo bajugunyanwa na cyo."—Ibyahishuwe 12:7-9.

Hari igihe mu ijuru hatari amahoro. Abantu bakiremwa, umwe mu bamarayika yararikiye gusengwa maze yigomeka kuri Yehova, ahinduka Satani bisobanurwa ngo "Urwanya." Nyuma y'aho hari abandi bamarayika bifatanyije na we, bitwa abadayimoni. Bamaze kwigomeka, barwanyije Yehova cyane kandi bayobya abantu benshi bituma badakomeza kumvira Yehova.

Satani n'abadayimoni be ni abagome kandi ni abicanyi. Banga abantu urunuka kandi bagira uruhare rukomeye mu bintu bibabaje bibera ku isi. Urugero, Satani yishe amatungo y'umugaragu w'Imana w'indahemuka witwaga Yobu yica n'abagaragu be. Nyuma yaho yishe abana bose ba Yobu uko ari icumi, abateje "umuyaga ukaze" maze usenya inzu bari barimo. Nyuma yaho Satani yateje Yobu "ibibyimba bibi cyane, bihera mu bworo bw'ikirenge bigera mu gitwariro."—Yobu 1:7-19; 2:7.

Icyakora Satani azakurwaho burundu. Yajugunywe ku isi, kandi azi ko "ashigaje igihe gito" (Ibyahishuwe 12:12). Ari hafi kurimbuka, kandi iyo ni inkuru nziza.

ABAZAJYA MU IJURU BAVUYE KU ISI

'[Yesu] yacunguye abantu bo mu miryango yose n'indimi zose n'amoko yose n'amahanga yose abacunguje amaraso ye, abahindura abami n'abatambyi b'Imana yacu, kandi bazategeka isi.'—Ibyahishuwe 5:9, 10.

Yesu yarazutse ajya mu ijuru kandi hari n'abandi bazazuka bakajyayo. Yabwiye intumwa ze zizerwa ati "ngiye kubategurira umwanya, . . . nzagaruka kandi nzabakira iwanjye, kugira ngo aho ndi abe ari ho namwe muba."—Yohana 14:2, 3.

NTUGATINYE ABADAYIMONI

Abantu babarirwa muri za miriyoni baheze mu bubata bwo gutinya abadayimoni, mbese bameze nk'imfungwa. Bumva ko impigi cyangwa gukora indi migenzo bishobora kubarinda imyuka mibi. Ntitwagombye gukora ibintu nk'ibyo. Bibiliya iduha icyizere igira iti "amaso ya Yehova areba ku isi hose kugira ngo yerekane imbaraga ze arengera abafite umutima umutunganiye" (2 Ibyo ku Ngoma 16:9). Yehova Imana arakomeye cyane kuruta Satani; numwiringira azakurinda.

Kugira ngo Yehova akurinde, ugomba kumenya ibimushimisha kandi ukabikora. Urugero, Abakristo bo mu kinyejana cya mbere bo mu mugi wa Efeso, bateranyirije hamwe ibitabo byabo by'ubumaji maze barabitwika (Ibyakozwe 19:19, 20). Ubwo rero, kugira ngo Imana iturinde tugomba kwikuraho impigi, ibitabo by'ubumaji n'ibindi bintu bifitanye isano n'ubupfumu.

Bibiliya igira iti "mugandukire Imana, ariko murwanye Satani, na we azabahunga" (Yakobo 4:7). Nukomeza kugandukira Yehova, ukamwumvira kandi ukamukorera, Satani n'abadayimoni nta cyo bazagutwara.

Abajya mu ijuru baba bafite impamvu ibajyanye. Bazafatanya na Yesu gutegeka mu Bwami bw'Imana, bayobore abazaba batuye ku isi bose kandi babaheshe imigisha. Ubwo bwami ni bwo Yesu yabwiye abigishwa be gusenga basaba, muri rya sengesho ntangarugero rigira riti "Data uri mu ijuru, izina ryawe niryezwe. Ubwami bwawe nibuze. Ibyo ushaka bikorwe mu isi nk'uko bikorwa mu ijuru." —Matayo 6:9, 10.

ICYO ABAJYA MU IJURU BAZAKORA

Intumwa Yohana yagize ati **"numva ijwi riturutse kuri ya ntebe y'ubwami, rirangurura rigira riti 'dore ihema ry'Imana riri kumwe n'abantu, . . . Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi kuboroga cyangwa gutaka cyangwa kubabara ntibizabaho ukundi. Ibya kera byavuyeho.'" —Ibyahishuwe 21:3, 4.**

Ubuhanuzi buvugwa muri iryo yerekwa, bwerekeza ku gihe Ubwami bw'Imana buyobowe na Yesu n'abazukira kujya mu ijuru, buzaba butegeka. Ubwo bwami buzarimbura ubutegetsi bwa Satani, buhindure isi paradizo. Ibintu byose bibabaza abantu hakubiyemo n'urupfu, ntibizabaho ukundi.

None se bizagendekera bite abantu benshi bapfuye, ariko batazajya mu ijuru? Bazazuka bature ku isi izaba yahindutse Paradizo.—Luka 23:43. ■

Ibintu byose abantu babonye mu iyerekwa, bitwizeza ko Yehova Imana, Umwana we Yesu Kristo, abamarayika bizerwa hamwe n'abazajya mu ijuru, batwitaho kandi ko batwifuriza ibyiza. Niba wifuza kumenya ibindi bintu bazakora, uzaganire n'Abahamya ba Yehova cyangwa ujye ku rubuga rwacu rwa www.jw.org/rw, maze uvaneho igitabo kivuga ngo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?*

Amasomo twavana ku nyoni

"Baza, . . . ibiguruka byo mu kirere bizakubwira. Ni ikihe muri ibyo byose kitazi neza ko ukuboko kwa Yehova ari ko kwabikoze?"—Yobu 12:7, 9.

Igishondabagabo

HASHIZE imyaka irenga 3.000 umukurambere Yobu avuze ko inyoni zo mu kirere zishobora kutwigisha byinshi ku birebana n'ibyo Imana yaremye. Abantu bitegereje uko zibaho maze batanga ingero cyangwa imigani ifite icyo yigisha. Imirongo yo muri Bibiliya igira ibyo ivuga ku nyoni, itwigisha amasomo y'ingenzi mu mibereho yacu no mu mishyikirano dufitanye na Yehova. Reka turebe ingero nke.

AHO INTASHYA YARIKA

Abaturage b'i Yerusalemu bari bamenyereye kubona intashya kuko zikunda kwarika mu bisenge by'amazu. Hari n'izari zararitse mu rusengero rwubatswe na Salomo. Buri mwaka intashya zarikaga mu rusengero, kuko zabaga zizeye ko ibyana byazo bizaba bifite umutekano.

Umwanditsi wa zaburi ya 84 wari umwe mu bahungu ba Kora, akaba yarakoraga mu rusengero icyumweru kimwe mu mezi atandatu, yajyaga abona ibyo byari mu rusengero. Yifuzaga kumera nk'intashya, akibera mu nzu ya Yehova iminsi yose. Yaranditse ati "Yehova Nyir'ingabo, mbega ukuntu ihema ryawe rihebuje ari iry'igikundiro! Ubugingo bwanjye bwifuje cyane kwibera mu bikari bya Yehova, ndetse ibyo birabuzonga. Umutima wanjye n'umubiri wanjye bivugiriza impundu Imana nzima. Yemwe n'inyoni yabonye inzu, intashya na yo ibona icyari, aho yashyize ibyana byayo hafi y'igicaniro cyawe gikomeye, Yehova nyir'ingabo, Mwami wanjye kandi Mana yanjye!" (Zaburi 84: 1-3). Ese twe n'abana bacu, tugaragaza ko twifuza cyane kuba hamwe n'abagize itorero, kandi ko tubyishimira?—Zaburi 26:8, 12.

IGISHONDABAGABO KIMENYA IGIHE CYACYO

Umuhanuzi Yeremiya yaranditse ati "igishondabagabo kiguruka mu kirere kimenya neza igihe cyacyo." Yari azi neza igihe ibishondabagabo byo mu Gihugu cy'Isezerano bitangirira kwimuka. Mu gihe cy'urugaryi, ibishondabagabo by'umweru bisaga 300.000 bifata urugendo bikava muri Afurika bikimukira mu Majyaruguru y'u Burayi binyuze mu kibaya cya Yorodani. Ibishondabagabo bimenya ko igihe cy'icyi kigeze, bikagaruka aho byavuye, bigatera amagi. Kimwe n'izindi nyoni zikunda kwimuka, na byo "bimenya igihe bizagarukira."—Yeremiya 8:7.

Hari igitabo cyavuze ko "ikintu gitangaje gifasha inyoni kwimuka ari ubugenge bwazo" (*Collins Atlas of Bird Migration*). Yehova Imana yahaye inyoni ubugenge bwo kumenya igihe zigomba kwimukira, naho abantu abaha ubushobozi bwo gusobanukirwa ibihe n'ibihe byagenwe (Luka 12:54-56). Ubumenyi buturuka ku Mana, ni ubw'ingenzi kuko budufasha gusobanukirwa neza ibihe turimo. Ibyo bikaba bitandukanye n'uko igishondabagabo kimeze kuko cyo kigendera ku bugenge. Abisirayeli

Kagoma

Intashya

Inkoko n'imishwi

bo mu gihe cya Yeremiya ntibitaga ku bihe barimo. Imana yasobanuye neza ikibazo cyabo igira iti "banze ijambo rya Yehova; none se ubwenge bwabo ni ubwenge nyabaki?"—Yeremiya 8:9.

Muri iki gihe twibonera ibimenyetso bigaragaza ko turi mu 'minsi y'imperuka' nk'uko Bibiliya yabivuze (2 Timoteyo 3:1-5). Ese uzigana igishondabagabo, maze wite ku 'bihe' turimo?

KAGOMA IREBA IBIRI KURE

Kagoma ivugwa incuro nyinshi muri Bibiliya, kandi abantu bo mu Gihugu cy'Isezerano bari bamenyereye kubona icyo gisiga. Bibiliya ivuga ko kagoma yarika hejuru mu rutare, akaba ari ho iva ikajya 'gushaka ibyokurya,' kandi "amaso yayo akomeza kureba ibiri kure" (Yobu 39:27-29). Kagoma yitegereza ibiri kure ku buryo ishobora kubona n'urukwavu ruri mu ntera ireshya na kilometero.

Nk'uko kagoma ishobora "kureba ibiri kure cyane," Yehova na we areba kure akamenya ibizaba mu gihe kizaza. Ni yo mpamvu Yehova agira ati "ni jye uhera mu ntangiriro nkavuga iherezo, ngahera mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa" (Yesaya 46:10). Nitwumvira inama Yehova aduha, ubwenge bwe no kuba areba kure bizatugirira akamaro. —Yesaya 48:17, 18.

Nanone Bibiliya igereranya kagoma n'abantu biringira Imana, igira iti "abiringira Yehova bazasubizwamo imbaraga. Bazatumbagira bagurukisha amababa nka kagoma" (Yesaya 40:31). Kugira ngo kagoma itumbagire yifashisha umwuka ushyushye. Iyo imaze kugera muri uwo mwuka, itanda amababa maze ikagenda izenguruka aho uwo mwuka ushyushye uri, ikagenda irushaho gutumbagira. Imbaraga kagoma ikoresha iguruka kandi ikagera kure, si izayo. Kimwe na kagoma, abiringira Yehova bagombye kumwishingikirizaho, kuko abasezeranya ko azabaha "imbaraga zirenze izisanzwe." —2 Abakorinto 4:7, 8.

"INKOKO IBUNDIKIRA IMISHWI YAYO"

Mbere gato y'uko Yesu apfa, yafashe akanya yitegereza umurwa mukuru w'Abayahudi. Yavuganye agahinda ati "Yerusalemu, Yerusalemu wica abahanuzi ugatera amabuye abagutumweho, ni kangahe nashatse gukoranyiriza abana bawe hamwe nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo mu mababa yayo! Ariko ntimwabishatse."—Matayo 23:37.

Bumwe mu bugenge buhambaye cyane inyoni zifite ni ubuhanga zikoresha zirinda ibyana byazo. Zimwe mu nyoni zitarika mu biti, urugero nk'inkoko, iba igomba kuba maso kugira ngo umwanzi atayihekura. Iyo irabutswe agaca mu kirere ihita ihamagara imishwi yayo, na yo igahita yirukira mu mababa ya nyina. Muri ayo mababa ni na ho udushwi twugama izuba ryinshi n'imvura. Yesu na we yifuzaga ko abaturage b'i Yerusalemu bamuhungiraho kugira ngo abarinde. Muri iki gihe, Yesu adusaba kumusanga ngo aturuhure imitwaro n'imihangayiko y'ubuzima, kandi adusezeranya ko azaturinda.—Matayo 11:28, 29.

Dushobora kuvana amasomo menshi ku nyoni. Niwitegereza inyoni, ujye ugerageza kwibuka ingero zo muri Bibiliya zigira icyo zizivugaho. Intashya izajya ikwibutsa ko ugomba gukunda urusengero rwa Yehova. Jya wiringira isezerano ry'Imana ry'uko izaduha imbaraga tukaguruka nka kagoma. Jya ukurikira Yesu kugira ngo umenye ukuri, kuko kuzakurinda nk'uko inkoko irindira imishwi yayo mu mababa. Igishondabagabo cyo, kitwibutsa ko tugomba kuba maso kugira ngo dusobanukirwe ibibera mu isi byari byarahanuwe. ■

© Bibliothèque nationale de France, Paris

Lefèvre d'Étaples

YAGEJEJE IJAMBO RY'IMANA KURI RUBANDA

UMUNSI umwe ari ku cyumweru mu gitondo, mu ntangiriro z'imyaka ya 1520, abaturage bo mu mugi wa Meaux uri hafi y'i Paris bumvise ikintu kidasanzwe. Igihe bari mu misa, basomewe Ivanjiri mu rurimi rwabo kavukire rw'igifaransa, aho kuyisomerwa mu kilatini nk'uko byari bisanzwe.

Uwari wahinduye ayo Mavanjiri ari we Jacques Lefèvre d'Étaples, yaje kwandikira incuti ye ayibwira ati "ntushobora kwiyumvisha ukuntu Imana irimo gufasha abantu boroheje gusobanukirwa Ijambo ryayo!"

Icyo gihe, Kiliziya Gatolika n'abahanga muri tewolojiya b'i Paris babuzaga abantu gusoma Bibiliya zihinduye mu ndimi zivugwa na rubanda. None se ni iki cyatumye Lefèvre ahindura Bibiliya mu gifaransa? Yafashije ate abantu boroheje gusobanukirwa Ijambo ry'Imana?

YASHAKAGA GUSOBANUKIRWA IBYANDITSWE

Mbere y'uko Lefèvre ahindura Bibiliya, yakundaga gushakisha ibisobanuro by'inyandiko za filozofiya na tewolojiya. Yaje gutahura ko inyandiko za kera zarimo amakosa menshi kandi ko zayobeje abantu mu gihe cy'imyaka myinshi. Igihe yakoraga ubushakashatsi ngo asobanukirwe inyandiko za kera, ni bwo yatangiye kugenzura yitonze Bibiliya y'Abagatolika y'ikilatini yitwa *Vulgate*.

Amaze kwiga Ibyanditswe ashyizeho umwete, yaravuze ati "kwiga ukuri ko mu Ijambo ry'Imana ni byo byonyine biduhesha ibyishimo." Ni yo mpamvu yaretse kwiga filozofiya ahubwo agashyira imbaraga ze zose ku murimo wo guhindura Bibiliya.

Mu mwaka wa 1509, Lefèvre yasohoye inyandiko irimo ubushakashatsi yakoze ku buhinduzi butanu butandukanye bwa zaburi* bw'ikilatini, harimo n'ibyo yakosoye muri Bibiliya yitwa *Vulgate*. Yari atandukanye n'abahanga muri tewolojiya bo muri icyo gihe, kuko we yihatiraga kumenya "ibisobanuro nyabyo" by'imirongo ya Bibiliya. Uburyo bwe bwo gusobanura Ibyanditswe, bwafashije cyane izindi ntiti mu bya Bibiliya n'abantu baharaniye Ivugurura.—Reba agasanduku kavuga ngo "Uko Lefèvre yafashije Martin Luther."

Kubera ko Lefèvre yari yarakuriye mu idini rya Gatolika, yumvaga ko kuvugurura inyigisho za Kiliziya byashoboka, ari uko gusa rubanda rwa giseseka rwigishijwe neza ibyanditswe. Ariko se rubanda rwari kumenya rute Ibyanditswe byera, kandi hafi ya byose byari mu kilatini?

UKO BIBILIYA YAGEZE KU BANTU BOSE

Kubera ko Lefèvre yakundaga Ijambo ry'Imana cyane, yakoze uko ashoboye kugira ngo rigere ku bantu benshi. Kugira ngo agere kuri iyo ntego, muri Kamena 1523 yasohoye amavanjiri ahinduye mu gifaransa, abumbiye muri Bibiliya ebyiri

* Ubuhinduzi butanu butandukanye bwa zaburi yabwanditse mu nkingi zitandukanye, ashyiramo n'imbonerahamwe irimo amazina y'icyubahiro y'Imana hamwe n'inyuguti enye z'igiheburayo zigize izina ry'Imana.

nto. Kubera ko izo Bibiliya zari nto kandi zikaba zaraguraga kimwe cya kabiri cy'amafaranga yagura Bibiliya isanzwe, abantu badafite amikoro na bo bashoboraga kuyibona.

Rubanda rwa giseseka rwishimiye cyane iyo Bibiliya. Abagabo n'abagore bari bashishikariye gusoma amagambo ya Yesu mu rurimi rwabo, ku buryo mu mezi make hahise hagurwa Bibiliya 1.200.

YARWANIRIYE BIBILIYA ABIGIRANYE UBUTWARI

Mu ijambo ry'ibanze ry'ayo Mavanjiri, Lefèvre yasobanuye ko yayahinduye mu gifaransa kugira ngo "abayoboke ba kiliziya boroheje bayasobanukirwe nk'uko abayasoma mu kilatini bayasobanukirwa." None se kuki Lefèvre yifuzaga cyane gufasha rubanda rwa giseseka gusobanukirwa Bibiliya?

Lefèvre yari azi neza ukuntu inyigisho z'abantu na filozofiya byagize ingaruka ku bayoboke ba Kiliziya Gatolika (Mariko 7:7; Abakolosayi 2:8). Yumvaga ko igihe cyari kigeze ngo Ivanjiri "yamamazwe mu isi yose, maze abantu bareke gukomeza kuyobywa n'inyigisho z'abantu."

Nanone Lefèvre yashakaga gushyira ahabona ibirego by'ibinyoma by'abarwanyaga umushinga we wo guhindura Bibiliya mu gifaransa. Yagaragaje uburyarya bwabo agira ati "bakwigisha abantu bate kwitondera amategeko ya Yesu Kristo, niba batareka ngo abantu boroheje

PSALT. VET. PSALT. CONCIL. 234.

Hæc subiecta figura 13 suprapositæ nomina dei hebraica patent, et quomodo latine et græce vulgo exponi soleant.

	Nomina dei HEBRAICA		LATINE	GRAECE.
1	אֵל	EL	Fortis	ἰσχυρός
2	אֱלֹהִים	ELOHIM	Deus	θεὸς
3	אֱלוֹהַּ	ELOHE	Deus	θεὸς
4	צְבָאוֹת	SEBAOTH	Exercituũ	Δυνάμεων
5	עֶלְיוֹן	ELION	Excelsus	ὕψιστος
6	אֶהְיֶה אֲשֶׁר אֶהְיֶה	EIEHASEREIEH	Sum qui sũ	εἰμί ὤν
	אֲשֶׁר אֶהְיֶה	ASEREIEH	Qui est	ὤν
7	אֲדֹנָי	ADONAI	Dominus	κύριος
8	יָהּ	IA	Dominus	κύριος
9	יְהוָה	IEHVAH	Dominus	κύριος
10	שַׁדַּי	SADAI	Oipotens	παντοκράτωρ
11	אֱלוֹהַּ	ELOHA	Deus	θεὸς
12	צוּר	SVR	Deus	θεὸς
13	אַבִּיר	ABIR	Deus	θεὸς

Hęc pro præinstructione. Nunc ad litteram labor noster conuertendus.

1 Beatus vir qui nõ abijt i cõsilio ipiorũ / & in via peccatorum non stetit: & in cathedra pestilentiæ non sedit.
2 Sed in lege domini fuit voltũtas eius: & in lege eius meditabitur die ac nocte.

Beatus vir qui nõ abijt in cõsilio ipiorũ / & in via peccatorũ non stetit: & in cathedra pestilẽtiæ non sedit. Sed in lege DOMINI voluntas eius: & in lege eius meditabitur die ac nocte.

Tetragrãmaton. יהוה

© Bibliothèque nationale de France, Paris

▲ Amazina y'Imana n'inyuguti enye z'igiheburayo zigize izina ry'Imana, aboneka mu buhinduzi butanu bwa zaburi, bwasohotse mu wa 1513

Mu ijambo ry'ibanze, Lefèvre yagaragaje ko yifuza gufasha abantu gusoma Bibiliya mu rurimi bumva ►



Epistre exhortatoire.

A tous Chrestiẽs et Chrestiẽnes grace, illumination & salut en Jesuchrist.

Vãt saict Pol estoit sur terre prescht & annonceant la parolle de dieu auec les autres apostres & disciples: il disoit. Ecce nũc tempus acceptabile: ecce nunc dies salutis. Aussi maintenant le temps est venu: que nostre seigneur Jesuchrist/seul salut/verite/et vie/veult q̃ son Euãgile soit purement annoncee par tout le mõde. affin que on ne se desuoye plus par autres doctrines des hõmes qui cuydent estre quelque chose: et (comme dit sainct pol) ilz ne sont riens/ mais se decoipuent eulx mesmes. Parquoy maintenãt pouons dire comme il disoit/Ecce nunc tempus acceptabile/ ecce nũc dies salutis. Voicy maintenãt le temps acceptable: Voicy maintenant les iours de salut. Et affin q̃ vng chascũ

ii. Cori. vi. Gala. vi.

a.ii.

© Bibliothèque nationale de France, Paris

basome Ivanjiri mu rurimi rwabo?”—Abaroma 10:14.

Ntibitangaje kuba abahanga muri tewolojiya bo muri Kaminuza y’i Sorbonne mu mugi wa Paris barahise bashaka kumucecekesha. Muri Kanama 1523, abo bahanga barwanyije abahinduraga Bibiliya mu ndimi kavukire n’ibitabo bisobanura Bibiliya, bakabafata nk’ “abanzi ba Kiliziya.” Iyo Umwami Francis I w’u Bufaransa atahagobaka, Lefèvre yari kwicwa ashinjwa ubuhakanyi.

YARICECEKEYE AKOMEZA AKAZI KE

Lefèvre ntiyigeze yemera kurangazwa n’abamurwanyaga ngo bimubuze guhindura Bibiliya. Mu mwaka wa 1524, amaze guhindura Ibyanditswe by’ikigiriki (bakunze kwita Isezerano Rishya), yasohoye igitabo cya zaburi mu gifaransa, kugira ngo abantu barusheho gusenga “bafite ibyiyumvo.”

Ba bahanga mu bya tewolojiya bahise basuzumana ubwitonzi iyo Bibiliya Lefèvre yahinduye. Bahise bategeka ko iyo Bibiliya yahinduye y’Ibyanditswe by’ikigiriki itwikirwa mu ruhame, kandi batangaza ko izindi nyandiko yanditse zishyigikira “ubuhakanyi bwa Luther.” Igihe abo bahanga bamutumagaho ngo yisobanure, yahisemo “guceceka” hanyuma ahungira i Strasbourg. Ahageze, yakomeje guhindura iyo Bibiliya mu ibanga. Nubwo hari ababona ko ubwo ari ubugwari, we yumvaga ko ari bwo buryo bwiza bwo gusubiza abantu batahaga agaciro ukuri kwa Bibiliya. Yagereranyaga Bibiliya n’ “amasaro” y’agaciro kenshi.—Matayo 7:6.

Lefèvre amaze umwaka umwe ahunze, Umwami Francis I yamusabye kujya yigisha umuhungu we w’imyaka ine witwaga Charles. Ako kazi katumye abona umwanya uhagije wo guhindura iyo Bibiliya. Mu mwaka wa 1530, yarangije guhindura Bibiliya, icapirwa ahandi hatari mu Bufaransa, ni ukuvuga mu mugi wa Anvers, abyemerewe n’Umwami w’abami Charles V.*

HARI IBYO YIFUZAGA ARIKO NTIYABIGEZEHO

Lefèvre yiringiraga ko kiliziya izageraho ikareka imigenzo y’abantu, igakurikiza Ibyanditswe. Yumvaga ko buri Mukristo afite “uburenganzira n’inshingano byo gusoma Bibiliya no kuyiga ku giti cye. Ni yo mpamvu yakoze uko ashoboye kugira ngo Bibiliya igere kuri bose. Nubwo yifuzaga ko inyigisho za Kiliziya zivugururwa, ntiyabigezeho. Icyakora yageze ku ntego ye yo gufasha rubanda rwa giseseka kumenya Ijambo ry’Imana. ■

* Nyuma y’imyaka itanu, ni ukuvuga mu mwaka 1535, umuhinduzi w’Umufaransa witwaga Olivétan, yasohoye Bibiliya yahinduye ahereye ku ndimi z’umwimerere. Igihe yahinduraga Ibyanditswe by’ikigiriki, yabihinduye yifashishije Bibiliya yahinduwe na Lefèvre.

Uko Lefèvre yafashije Martin Luther

Martin Luther atarasuzuma ibitabo Lefèvre yanditse, yari mu rujijo. Luther wari ukiri muto yabonaga ko Lefèvre asobanura neza imirongo ya Bibiliya, mu buryo bworoshye kandi bwumvikana neza, ntashyiremo inkuru z’impimbano nk’uko byari bimeze ku ntiti zo mu gihe cye. Ibisobanuro Lefèvre yatangaga kuri Bibiliya, byagiriye akamaro Luther n’abandi bahinduzi ba Bibiliya, urugero nka William Tyndale na Jean Calvin. Nubwo Lefèvre yapfuye akiri Umugatolika, yagize uruhare rukomeye mu guhindura Bibiliya kandi atuma habaho Ivugurura.

Nkorera Imana ntagira amaboko

BYAVUZWE NA **BERNHARD MERTEN**

Ubusanzwe iyo umuntu agiye kugwa, afata ku kintu. Jye sinshobora kubikora kuko ntagira amaboko. Bayaciye mfite imyaka irindwi kugira ngo barokore ubuzima bwanjye.

Mama yambyaye afite imyaka 17, mu mwaka wa 1960. Data yadutaye mbere y'uko mvuka. Jye na mama twabaga kwa sogokuru, mu mugi muto wa Burg mu gihugu cyahoze cyitwa u Budage bw'Iburasirazuba. Abantu benshi, harimo n'abari bagize umuryango wanjye ntibemeraga Imana. Twumvaga Imana nta cyo itubwiye.

Narezwe na sogokuru kugeza mbaye mukuru, akajya ansaba gukora imirimo itandukanye, urugero nko gusenya inkwi, kandi narabikundaga cyane. Icyo gihe numvaga nishimye kandi nta kibazo mfite.

IMPANUKA YAHINDUYE UBUZIMA BWANJYE

Igihe nari mfite imyaka irindwi, hari ikintu giteye ubwoba cyambayeho. Ni bwo nari ngitangira umwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Ndi mu nzira ntashye, nuriye ipoto y'umuriro, maze ngeze kuri metero umunani, nkubitwa n'amashanyarazi mpita nta ubwenge. Nagaruye akenge ndi mu bitaro, nsanga nta maboko mfite. Yari yahiye cyane, biba ngombwa ko bayaca kugira ngo bitanduza amaraso. Birumvikana ko mama, sogokuru na nyogokuru bagize agahinda kenshi. Kubera ko nari nkiri umwana, siniyumvishaga ukuntu gucika amaboko byari kuzangiraho ingaruka zikomeye.

Nkimara kuva mu bitaro, nasubiye ku ishuri. Abanyeshuri baransererezaga, bakansunika, kandi bakantera ibintu kuko ntashoboraga kwirwanaho. Amagambo bambwiraga arimo ubugome n'agasuzuguro, yarambabazaga. Nyuma yaho noherejwe mu ishuri ry'abamugaye riri mu mugi wa Birkenwerder ricumbikira abanyeshuri. Kubera ko iryo shuri ryabaga kure yo mu rugo, abo mu rugo ntibashoboraga kunsura. Twabonanaga gusa ari uko nje mu biruhuko. Mu myaka icumi yakurikiyeho, nakuze ntabana na mama, sogokuru na nyogokuru.

NAKUZE NTAGIRA AMABOKO

Nize gukora imirimo itandukanye nkoresheje ibirenge. Ngaho sa n'ureba umuntu arimo arisha ikanya, cyangwa ikiyiko agifatishije amano! Nguko uko mbayeho. Nanone nize koza amenyo no gusokoza nkoresheje ikirenge. Natangiye no kujya ncira abantu amarenga nkoresheje ibirenge. Ibirenge byanjye byasimbuye amaboko.

Kugeza ku bandi ubutumwa bwiza biranshimisha

Maze kuba ingimbi, nakundaga gusoma imigani y'imihimbano. Hari ubwo najyaga ndota nabonye insimburangingo z'amaboko zimfasha gukora ibintu byose. Mfite imyaka 14 natangiye kunywa itabi. Byatumaga numva nifitiye icyizere kandi ko nta cyo abandi bandusha. Ni nk'aho nibwiraga nti "nanjye narinywa, nubwo nta maboko mfite."

Nahoraga mpugiye mu bintu bitandukanye. Nari mu Ishyirahamwe ry'urubyiruko ryo mu Budage ryafashwaga na leta, kandi nari umwanditsi waryo, uwo akaba wari umwanya ukomeye. Nanone nagiye mu itsinda ry'abacuranzi, mba umusizi, kandi ngakora siporo y'ababana n'ubumuga. Hari isosiyete yo mu mugi w'iwacu nimenyerejemo imyuga, maze nza kubonamo akazi. Maze kuba mukuru, natangiye kwambara insimburangingo kubera ko nifuzaga kuba umugabo nyamugabo.

UKO NAMENYE UKURI KO MURI BIBILIYA

Umunsi umwe, nari ntegereje gari ya moshi ngiye ku kazi maze umugabo aza ansanga. Yarambajije ati "ese ujya utekereza ko Imana ishobora kugusubiza amaboko?" Numvise bintangaje. Yego nifuzaga kongera kugira amaboko, ariko numvaga bidashoboka. Icyo gihe sinemeraga ko Imana ibaho. Uhereye ubwo natangiye kujya ngendera kure uwo mugabo.

Hashize igihe gito, umuntu twakoranaga yarantumiye ngo njye kumusura. Igihe twanywaga agakawa, ababyeyi be batangiye kumbwira iby'Imana yitwa Yehova. Ni bwo bwa mbere nari numvise ko Imana igira izina (Zaburi 83:18). Icyakora naratekereje nti "uko yaba yitwa kose, nta yibaho. Aba bantu nzabereka ko bayobye." Nemeye kuganira na bo kuri Bibiliya, kuko numvaga ko ibitekerezo byanjye ari byo by'ukuri. Icyakora natunguwe no kuba ntarabashije kubemeza ko Imana itabaho.

Uko twagendaga twiga ubuhanuzi bwo muri Bibiliya, ni ko nagendaga mbona ko burya Imana ibaho. Naje kubona ko ubuhanuzi bwinshi bwo muri Bibiliya bwagiye busohora, nubwo hashize imyaka myinshi bwanditswe. Hari igihe twarimo twiga Bibiliya, maze tugereranya ibibera ku isi muri iki gihe n'ubuhanuzi buri muri Matayo igice cya 24, Luka igice cya 21, no muri 2 Timoteyo igice cya 3. Nk'uko umuganga ahuza ibimenyetso by'umurwayi agatahura indwara arwaye, guhuza ibimenyetso bivuga iby'ibihe turimo biboneka mu buhanuzi butandukanye, byatumye menya ko turi "mu minsi y'imperuka."* Natangajwe cyane n'uko ubwo buhanuzi bwasohoye mbyirebera n'amaso.

Nemeye ntashidikanya ko ibyo nigaga ari ukuri. Natangiye kujya nsenga Yehova Imana kandi ndeka kunywa itabi, nubwo nari maze imyaka irenga icumi ndinywa. Nakomeje kwiga Bibiliya hafi umwaka wose. Ku itariki ya 27 Mata 1986, nabatijwe mu ibanga, mbatirizwa mu kintu kimeze nk'umuvure bogeramo, kubera ko Abahamya

* Niba wifuza ibindi bisobanuro ku birebana n'iminsi y'imperuka, reba igice cya 9 kivuga ngo "Mbese koko turi mu "minsi y'imperuka'?" mu gitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* Cyanditswe n'Abahamya ba Yehova, kikaba kiboneka no kuri www.jw.org/rw.

ba Yehova batari bemewe mu Budage bw'Iburasirazuba.

UKO NAFASHIJE ABANDI

Kubera ko Abahamya ba Yehova batari bemewe, twateraniraga mu matsinda mato mu ngo z'abantu. Ibyo byatumye ntamenyana n'Abahamya benshi. Mu buryo ntari niteze, abayobozi banyemereye kujya mu Budage bw'Iburengerazuba, aho Abahamya ba Yehova bari bemewe. Ni bwo nagiye mu ikoraniro bwa mbere, mbonana n'Abahamya bagenzi banjye babarirwa mu bihumbi. Byaranshimishije cyane!

Urukuta rw'i Berlin rumaze gusenywa, Abahamya ba Yehova bemerewe gukora ku mugaragaro. Amaherezo twatangiye gusenga Yehova dufite umudendezo. Nifuzaga kongera igihe namaraga mbwiriza. Icyakora natinyaga abantu. Narisuzuguraga bitewe n'uko namugaye kandi nkaba narabyirukiye mu kigo cy'abamugaye. Icyakora mu mwaka 1992, nabwirije amasaha 60 mu kwezi. Nahaboneye ibyishimo bitagereranywa. Niyemeje kujya mbwiriza ayo masaha buri kwezi, kandi namaze imyaka igera kuri itatu mbigenza ntyo.

Nkunda kwibuka amagambo yo muri Bibiliya agira ati "ni nde ufite intege nke, ngo nanjye mbe ntafite intege nke?" (2 Abakorinto 11:29). Nubwo namugaye, ngerageza gufasha abandi kuko nshoboye kuvuga kandi nkaba mfite ubwenge. Kubera ko ntagira amaboko, nishyira mu mwanya w'abafite intege nke. Nzi ukuntu bibabaza iyo wifuza gukora ikintu ariko ntubishobore. Ngerageza guhumuriza abameze batyo. Iyo mfashije abantu nk'abo, biranshimisha cyane.

Ndi kumwe n'umugore wanjye nkunda, witwa Elke

YEHOVA AMPORA HAFI

Mvugishije ukuri, hari ubwo ncika intege, nkumva nifuje kuba nk'abandi bantu bazima. Nubwo nikorera imirimo imwe n'imwe, bimfata igihe kandi bikantwara imbaraga nyinshi ugereranyije n'abandi. Nkunda kuvuga nti "mu bintu *byose*, ngira imbaraga binyuze ku umpa imbaraga" (Abafilipi 4:13). Buri munsi Yehova ampa imbaraga nkagira icyo nkora. Nabonye ko Yehova atigeze antererana. Ni yo mpamvu ntazigera ndeka kumukorera.

Yehova yampaye umuryango mwiza, ntigeze ngira nkiri muto. Mfite umugore unkunda kandi wishyira mu mwanya wanjye witwa Elke. Nanone kandi, Abahamya ba Yehova babarirwa muri za miriyoni bo ku isi hose ni abavandimwe banjye na bashiki banjye bo mu buryo bw'umwuka.

Ikindi kandi, mpumurizwa n'isezerano ry'Imana ry'uko hazabaho paradizo. Iryo sezerano rivuga ko 'izagira ibintu byose bishya,' nkongera kugira amaboko (Ibyahishuwe 21:5). Iyo nsomye ibintu byose Yesu yakoze igihe yari ku isi, ndushaho kwiyumvisha iryo sezerano. Yakijije umuntu wari ufite ukuboko kwanyunyutse kandi asubiza umuntu ugutwi kwari kwacitse (Matayo 12:13; Luka 22:50, 51). Amasezerano ya Yehova n'ibitangaza Yesu yakoze, byanyeretse ko vuba aha, nzongera kugira amaboko.

Icyakora ikintu cyiza cyane nagezeho, ni uko namenye Yehova Imana. Yambereye umubyeyi n'incuti, arampumuriza kandi ampa imbaraga. Numva meze nk'Umwami Dawidi wagize ati "Yehova ni imbaraga zanjye . . . Yaramfashije none umutima wanjye uranezerewe" (Zaburi 28:7). Sinzigera nibagirwa uko kuri guhebuje namenye. None ubu, nkorera Imana nubwo ntagira amaboko. ■

Ese Imana isubiza amasengesho yose?

ESE WAVUGA KO ISUBIZA AMASENGESHO . . .

- Yose
- Amwe n'amwe
- Nta yo isubiza

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO

"Yehova aba hafi . . . y'abamwambaza mu kuri bose."—Zaburi 145:18.

IBINDI BIBILIYA YIGISHA

- Imana ntiyumva amasengesho y'abantu bayigomekaho (Yesaya 1:15). Ariko bashobora guhindura imyifatire yabo maze 'bakanoza' imishyikirano bafitanye na yo.—Yesaya 1:18.
- Kugira ngo Imana isubize amasengesho yacu, tugomba gukora ibyo Bibiliya idusaba. —1 Yohana 5:14.

Ese Imana idutegeka uko tugomba kwifata mu gihe dusenga?

ICYO BAMWE BABIVUGAHO. Hari abatekereza ko bagomba gupfukama, abandi bakumva ko bagomba kubika umutwe, abandi bo bakumva ko bagomba gufatana mu biganza. Wowe se ubitekerezaho iki?

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO

Imana yumva amasengesho ya buri wese yaba 'yicaye,' 'ahagaze,' 'yubamye' cyangwa 'apfukamye' (1 Ibyo ku Ngoma 17:16; 2 Ibyo ku Ngoma 30:27; Ezira 10:1; Ibyakozwe 9:40). Ntishyiraho amategeko y'uko umuntu akwiriye kwifata.

IBINDI BIBILIYA YIGISHA

- Imana yumva amasengesho y'abantu bicisha bugufi.—Zaburi 138:6.
- Ushobora gusenga mu rurimi ushaka, cyangwa bucece.—2 Ibyo ku Ngoma 6:32, 33; Nehemiya 2:1-6.

Munyohereereze igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?*

Niba wifuza ibindi bisobanuro, reba igice cya 17 cy'iki gitabo, cyanditswe n'Abahamya ba Yehova

Nanone kiboneka ku rubuga rwa www.jw.org/rw

URURIMI _____

AMAZINA _____

ADERESI _____

_____

_____

Reba aderesi ku ipaji ya 2

JW.ORG™

Vana iyi gazeti kuri interineti ku buntu,uvaneho n'andi yasohotse mu gihe cyashize

Ubu Bibiliya iboneka ku rubuga rwacu mu ndimi zirenga 130

Jya kuri **www.jw.org/rw** cyangwa utunge kamera ya telefoni yabigenewe kuri iyi kode

wp16.6-YW
160720